G/R

RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE DE RUHENGERI.-

A1. 5/03

Ruhengeri
4967

# I T A N G A Z O .-

Ndabibutsa ko itegeko n° IO/A.I. lya Bwana Résident w'Urwanda lyo kwi tarki ya I9 y'ukwezi kwa cyenda I950 lishyiraho itegeko n° 42/AIMO lyo ku munsi wa 7 wukwezi kwa 4 mu mwaka wi I937 mu rusisiro rw'Abazungu bo mu Ruhengeri, ihitagira rya rubanda usibye ababifitemo umulimo wo kubuza ibyadudunganya rubanda, ababihawemo uruhushya na Leta cyanga se abihaye Mungu, rirabujijwe guhera sa yine ya ninjoro kugeza sa kumi na nusu ya mugitondo.-

Amarondo yatangiwe mu mezi 2 azongerwa cyane kubera ko ibisambo byanga bikiyongera kandi Abasirikari cyanga Abapolisi bazagenda ayo marondo bahawe itegeko likomeye cyane lyo gufata uwariwe wese uzanyura murayo mategeko twibukije.

Abafite abantu bakoresha, nibadashaka ko abo bantu babo bafungwa ndetse wenda bakazanwa mu rukiko rwa Bwana Administrateur wa Territoire, bajye babaha agapapuro gafite akamaro kijoro limwe gasaba kubareka ngo bahite buli giho abo bantu babo bagomba kuzerera mu rusisiro rw'Abazungu cyanga hafi yaho. (muli Km I I/2 ya buli ruhande rw'ibendera lyo kuli Territoire.-)

Inzandiko zo gusabira abantu babo guhita, zigomba kwandikwa bigaragara neza kandi zikavuga amazina yabo yombi niba bayafite, aho batuye kubulyo bgumvikana, izina ly'ababakoresha naho ba shebuja abo batuye, itarki izo nzandiko zandikiweho, isaha uwo muntu cyanga abo bantu baviliye kwa ba shebuja, numukono wa ba shebuja.

Ikindi kandi ilyo tegeko n° 42/AIMO rivuga ko abirabura bazerera ninjoro bagomba kugendana itara lyaka.-

Ndangije mbibutsa ko buri muntu, yab'umwirabura, umuhindi, umwarab umusingasinga cyanga umuzungu, uwahwabandi bari, cyanga basho bora kuba, ategetswe kugira igitabo cy'umusoro cyanga izindi nzandiko zimeze nkacyo, murumva lero ko ubgo ali itegeko kumwanywa, ninjoro ho biruhijeho.-

Ruhengeri, le I Juin 1955

pl L'ADMINISTRATEUR WA TERRITOIRE
A. d'ARIAN